**IKINYARWANDA**

# PK

**02/11/2016 01.30-03.30PM**

**Rwanda Education Board**

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

| *Intara/Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *Umunyeshuri* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri:**

**Izina ryawe bwite:** ..............................................

**Andi mazina yawe:** ..............................................

**Ikitonderwa:**

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA KURI "REGISTRATION FORM".

## IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA, 2016

## IKINYARWANDA

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**Amanota:** **/100**

**AMABWIRIZA :**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Iki kizamini kigizwe n'ibibazo 24 kandi iyi kayi y'ibibazo igizwe n'amapaji 12. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose ahari.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri:
   - Igice cya mbere: Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85)**
   - Igice cya kabiri: ihangamwandiko **(amanota 15)**
4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo ntibyemewe.
6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.
8) Koresha ikaramu y'ubururu cyangwa y'umukara

[redacted]

# IBIHE BYA KINYARWANDA

Abantu bagira uko bavuga igihe ikintu cyabereye, igihe bazakorera iki n'iki cyangwa se igihe ikintu runaka kimaze. Kera, benshi bashingiraga ku zuba, ku kwezi ndetse no ku nyenyeri, kugira ngo barange igihe.

Abakurambere bacu bifashishaga izuba, ukwezi, ingoma z'abami, inzara, igitero, icyorezo, ibihe by'izuba n'imvura, ingano y'imyaka mu mirima... Turibanda ku byo usanga Abanyarwanda bahuriyeho.

Umwaka wacu watangiraga mu kwezi ubu twita ukwa cyenda ari ko Nzeri. Ukagira amezi cumi n'abiri cyangwa se cumi n'atatu mu turere tumwe na tumwe. Uwo mwaka ukagira kandi n'ibihe bine by'ingenzi bifitanye isano n'ihinga. Ibyo bihe ni ibi bikurikira: Umuhindo watangiraga muri Nzeri ukarangira mu kwezi k'Ukuboza. Urugaryi rwaheraga mu Kuboza rukageza muri Werurwe. Hari Itumba ryatangiraga mu kwezi kwa Werurwe rikageza muri Gicurasi. Igihe cya nyuma cy'ihinga kikaba ari Impeshyi yatangiranaga n'ukwezi kwa Kamena, ikarangira muri Kanama. Naho ukwezi kwacu ko ntikwagiraga amatariki ahuje n'iminsi iyi n'iyi. Kwari kugabanyijemo imirundi itatu. Mu mboneko zako kukaba guto, kwaba inzora kukaba uruziga rusanganye, mu gihe cy'umwijima kukagenda gutuba, kandi kukaboneka gutinze.

Icyumweru cyo cyagiraga iminsi itanu, imibyizi yacyo ikaba ine, igakurikirwa n'uw'icyumweru cyitwaga icya Gihanga. Uwo munsi ntawahingishaga isuka isanzwe keretse inkonzo.

Nk'uko amatariki atabagaho ino, ni nako nta masaha bahaga ibihe by'umunsi n'ijoro. Imirundi y'umunsi n'ijoro ni myinshi ; dore imwe muri yo: izuba rirashe, agasusuruko, amanywa, amataha y'inyana, amashoka, amanywa y'ihangu,

amakuka, igicamunsi, ikirengarenga, umugoroba ukubye, akabwibwi, amataha y'amatungo, amatarama, amaryama, abantu bashyizweyo, igicuku kinishye, abantu bicuye, ijoro ricagase, inkoko za mbere, iza kabiri, urwanaga, umuseke, umuseso, mu nyombya cyangwa mu bunyoni.

Muri rusange rero, abantu iyo bakeneye ikintu bashaka uko bakibona, bagira ikibazo bakagishakira igisubizo uko babyumva. Urebye bakira iby'ahandi ari uko basanze biruse ibyo bari basanganywe cyangwa se bakabifatira amaburakindi.

## IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI (AMANOTA 85)

### I. KUMVA UMWANDIKO (AMANOTA 19)

1) Andika ibintu bitatu Abanyarwanda bo hambere bakoreshaga mu kuranga igihe. **(amanota 3)**

(i) ..........................................................................................

(ii) ..........................................................................................

(iii) ..........................................................................................

2) Usibye ibyakoreshwaga kera, tanga ingero ebyiri z'ibyo bakoresha ubu mu kuranga igihe. **(amanota 2)**

(i) ..........................................................................................

(ii) ..........................................................................................

3) Erekana ibihe by'ihinga byababagaho mu Rwanda rwo hambere. **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

4) Icyumweru cya kera n'ik'iki gihe bitandukaniye he? **(inota 1)**

..................................................................................................

..................................................................................................

5) Ni iki kitakorwaga ku munsi w'icyumweru cya kera? **(inota 1)**

..................................................................................................

..................................................................................................

6) Erekana ahantu hatatu Abanyarwanda bifashishaga amatungo yo mu rugo mu kumenya amasaha y'umunsi. **(amanota 3)**

..................................................................................................

..................................................................................................

..................................................................................................

7) Garagagaza itandukanyirizo riri hagati y'igihe umwaka watangiriraga kera n'igihe utangirira ubungubu. **(inota 1)**

..................................................................................................

..................................................................................................

8) Muri biriya bihe by'ihinga ni ikihe gihe kirangwa n'izuba ryinshi? **(inota 1)**

..................................................................................................

9) Ni ikihe gihe k'ihinga kirangwa n'imvura nyinshi? **(inota 1)**

..................................................................................................

10) Subiza "**nibyo**" cyangwa "**sibyo**" ukurikije umwandiko. **(amanota 4)**

(a) Abanyarwanda bashingiraga ku zuba mu kubara igihe. [ ]

(b) Itumba ritangira mu kwezi kwa Gicurasi. [ ]

(c) Ukwezi kw'inzora ni igihe kuba kugaragara ari uruziga rwuzuye. [ ]

(d) Igihe cy'agasusuruko ni igihe cya nijoro. [ ]

## II. INYUNGURAMAGAMBO (AMANOTA 9)

11) **Uzurisha buri nteruro ijambo cyangwa amagambo uhisemo muri aya:**

***(u)*<u>*mwuga*</u>*,* <u>*urubyiruko*</u>*,* <u>*kwihangira umurimo*</u>*,* <u>*uburyo*</u>*, (i)*<u>*gihe*</u>*.*** **(amanota 5)**

(a) ..........................rurakangurirwa ................................................ aho kwirirwa rutegeye amaboko abagiraneza.

(b) No muri iki ...........................hari abifashisha ........................... bwa kera mu kubara igihe.

(c) Nta ..........................udakiza usibye kwiba no kuroga.

12) **Simbuza ijambo riri mu dukubo imbusane yaryo:** **(amanota 4)**

(a) (Kera) Abanyarwanda (babaraga) igihe bagendeye ku zuba.

kera ≠ .........................................................................

babaraga ≠ ..................................................................

(b) Umunyeshuri (ukunda) gusoma (aratsinda) mu ishuri.

ukunda ≠ ......................................................................

aratsinda ≠ ..................................................................

## III. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (AMANOTA 17)

13) **Uzuza iyi migani y'imigenurano:** **(amanota 4)**

(a) Akanyoni katagurutse ......................................................................

(b) Akababaje umutima ..........................................................................

(c) Nta ........................................................ umwe.

(d) Inzira......................................................umugenzi.

14) **Huza ibisobanura kimwe** **(amanota 5)**

| | |
|---|---|
| (a) Kugenda nka nyomberi | Kugenda wihuta |
| (b) Gukuka umutima | Kunanirwa cyane |
| (c) Gutera isekuru | Kugenda burundu |
| (d) Kugwa agacuho | Gucumbagira |
| (e) Kugenda amasigamana | Kugira ubwoba |

15) **Sakwe sakwe!!!** **(amanota 4)**

(a) Nahinze mu mpinga nsarura mu gapfunsi.

........................................................................................

(b) Aho twagendaniye wambwiye iki?

........................................................................................

(c) Abana bange bangana bose.

........................................................................................

(d) Abana bange ndabasasira ntibaryama.

........................................................................................

16) **Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe:** **(amanota 4)**

(a) Hakizimana (arangije gukama) none aratashye.

arangije gukama: ...................................................................

(b) Abana bakunda kunywa (amata yaraye ataravura) mu gihe abakuru batayakunda.

amata yaraye ataravura: ..........................................................

(c) Jyana umuheto (uwumanike) mu nzu hariya.

uwumanike:..........................................................................

(d) (Umwana wa musaza) wange yiga mu mashuri yisumbuye.

umwana wa musaza.........................................................................

## IV. IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 27)

17) **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo:** **(amanota 8)**

(a) Hari abantu benshi bakirebera igihe ku zuba.

abantu: .......................................................................................

benshi:.........................................................................................

(b) Umwaka watangiraga mu kwezi kwa kenda kwitwa Nzeri.

kenda: .........................................................................................

Nzeri: ...........................................................................................

(c) Muri iki gihe dukoresha amasaha n'iminota mu kubara igihe.

iki: ...............................................................................................

kubara: ..........................................................................................

(d) Muri icyo gihe ibintu babimenyaga hakiri kare.

babimenyaga: ...............................................................................

kare: .............................................................................................

18) **Garagaza intego z'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe:** **(amanota 11)**

(a) Abantu benshi barebera ku zuba kugira ngo bamenye aho igihe kigeze.

benshi: ..........................................................................................

igihe: ..............................................................................................

(b) Mu gihe cya kera abantu bambaraga impu mu mwanya wo kwambara imyenda.

impu: ..............................................................................................

imyenda: ........................................................................................

(c) Hari abana batazi kubara amasaha.

abana: ............................................................................................

(d) Abagore bakunda gutaka indabo ku meza.

indabo:............................................................................................

(e) Si byiza kunywa inzoga nyinshi.

inzoga: ............................................................................................

19) **Andika inteko z'aya mazina aciyeho akarongo:** **(amanota 4)**

(a) Iyo indabo zitangiye kuboneka imbuto ziba ziri hafi.

indabo: ............................................................................................

(b) Abantu bafata umuntu utazi kubara isaha nk'uwataye umutwe.

umutwe: ..........................................................................................

(c) Ngo nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi.

ijosi:.................................................................................................

(d) Abanyarwanda bari bafite ubuhanga budasanzwe bwo kubara igihe.

ubuhanga: ..........................................................................

20) **Shyira iyi nteruro mu bindi bihe bibiri bikuru by'inshinga.**

Abahinzi bakunda guhinga mu gihe k'imvura. **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

21) **Andika imimaro y'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 2)**

Abanyeshuri bakoze ikizamini k'Ikinyarwanda.

abanyeshuri: ..........................................................................

ikizamini: ..............................................................................

## V. UBUTINDE N'AMASAKU **(AMANOTA 5)**

22) **Shyira ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira:** **(amanota 5)**

(a) imisozi: ..........................................................................

(b) umwaka: ..........................................................................

(c) umuganda: ......................................................................

(d) umwase: ..........................................................................

(e) ifi: ..................................................................................

## VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA **(AMANOTA 8)**

23) **Kosora izi nteruro niba zanditse nabi.** **(amanota 8)**

(a) Yavuzeko azaza ejo bundi ni mugoroba sayine.

..........................................................................................

(b) hategekimana muramusanga i muhira nimugera yo hakiri kare.

..........................................................................................

## IGICE CYA KABIRI: IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 15)

24) Kora nk'aho wamenye ko hari umwana mugenzi wawe wakuwe mu ishuri n'ababyeyi be bakaba banamubujije gukora Ikizamini cya Leta gisoza Amashuri Abanza maze wandikire Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ikigo cy'ishuri kirimo, umumenyesha icyo kibazo.

***Ikitonderwa:*** Andika mu mazina ya KUBANA Rugwiro wo ku Kigo cy'Amashuri Abanza cya TUNGA, mu Murenge wa BUKUNGU. Umwana wakuwe mu ishuri umwite ISIMBI Susuruka.